

KIGALI: UPRONA NA FPR MU MUGAMBI MUBISHA WO KWICA PETERO NKURUNZIZA.

13 février 2014

[Ububanyi n'amahanga](#)

Baca umugani mu kinyarwanda ngo « urwishe ya nka ruracyayirimo ». Abarundi n'abanyarwanda bibuka ukuntu ingabo z'abatutsi zivuganye Perezida Melchior Ndadaye ubwo yari amaze gutorerwa kuyobora Uburundi. Kugeza n'uyu munsu abishe Ndadaye ntibigeze bagezwa imbere y'ubutabera, kandi barakidegembya.



Paul Kagame ari kumwe n'abo ari hafi kwivugana

Nyuma y'urupfu rwa Melchior Ndadaye, umuperezida wa mbere w'umuhutu wari watowe n'abaturage, havutse umutwe wa CNDD wari uyobowe na Léonard **Nyangoma**, maze ushinga n'igisirikari cyahanganye n'ingabo z'abatutsi kugeza ubwo umuryango mpuzamahanga wumvise uko ikibazo kimeze, usaba ko abarwana bajya mu mishyikirano. Iyo mishyikirano yabereye mu gihugu cya Tanzaniya mu muji w'Arusha, iyobowe n'umuhuza waturutse muri Afrika y'epfo, yarangiye impande zombi zumvikanye kugabana ubutegetsi, kandi bagakora igabana rishingiye ku bwoko. Abatutsi barabyemeye, ariko bagononwa, mbese bavuga bati ntacyo nimuze tuzaba tureba imitegekere y'abahutu. Nyuma y'aho leta ishingiyeye ku masezerano ya Arusha igiriyeho, hagiye hagaragara urwikweke cyane, mu bagize iyo leta. Rimwe ukumva abaministre ba **UPRONA**, ishyamba ryahozye ku butegetsi, batemera ibyo leta barimo yemeje, ubundi ukumva ubuyobozi bw'ishyamba butemera ibyo abadepite baryo batoye mu nteko nshingamategeko. Ako

kaduruvayo karakomeje, kugeza ubwo vuba aha icyari kibyimbye cyamenetse, [maze uwari visi perezida w'Uburundi, Bernard Busokoza, akuwe ku mirimo ye na perezida wa repubulika, Petero Nkurunziza.](#)



Bernard Busokoza, wari visi perezida w'Uburundi

Uyu **Bernard Busokoza** uva mu ishyamba rya UPRONA, n'umwe mu bashinjwa kugira uruhari rukomeye mu rupfu rwa Ndadaye, ariko yari akidegembya, kugeza nubwo yashyizwe mu bushorishori bw'ubuyobozi bw'igihugu. Kuva aho Bernard Busokoza yirukaniwe ku mwanya wa Visi perezida, hahise hasohoka amakuru ko yaburiwe irengero hamwe n'ibindi bikomerezwa byo muri UPRONA. Abakurikira ibibera i Burundi batangiyeye gukera ko ngo baba barahungiyeye muri ambasade y'Amerika i Bujumbura, nyamara sibyo na gato. Ikaze lwacu imaze iminsi ikora itohoza kuri iki kibazo, twasanze abo batutsi b'intagondwa bibereye i Kigali, mu mahoteli, aho barindiwe umutekano n'abasirikari bo muri republican guard, wa mutwe urinda Paul Kagame. Amakuru ikaze lwacu ikesha bamwe mu ba DMI, aravugaga ko hari gucurwa umugambi ukomeye cyane wo kwica perezida Petero Nkurunziza, maze abatutsi bakongera bakisubiza ubutegetsu bwabo, bavugaga ko batwawe n'abahutu kubera igitutu cy'abazungu. Amakuru yari amaze iminsi acicikana ko Uburundi nabwo bugiyeye kuba nka Sudan y'epfo nibyo rwose. Nibica Nkurunziza, intambara izongera yaduke.

Uwo mugambi wo kwica Nkurunziza uri gucurwa n'abiru ba FPR, ni muremure cyane. Si ugufata Uburundi gusa, **ahubwo nibamara kubufata bazahita batera igihugu cya Tanzaniya**, nkuko Paul Kagame yabyivugiyeye ko azashirwa aruko akocoye Perezida Jakaya Kikwete wa Tanzaniya. FPR na Paul Kagame baraziza Petero Nkurunziza kuba yaramennye amabanga yabo yo kwica Kikwete, ubwo rero ngo agomba kubizira. Kagame yaravuze ngo **« ntuzahemukire u Rwanda ngo ubikire »** ! Abenshi bumvaga gusa ko ari kubwira abahoze muri FPR gusa, nyamara yabwiraga abaperezida b'ibihugu bikikije u Rwanda, bazi amabanga ye. Aha twavugaga cyane cyane, **Joseph Kabila wa Congo na Petero Nkurunziza w'Uburundi.**



Petero Nkurunziza ararye ari munge

lyo rero urebye ukuntu abanyapolitiki b'abahutu b'abanyarwanda bo bibereye muri za sinema ngo zo gushyira hamwe, kandi FPR na Paul Kagame bo bari gutegura kwimika abatutsi mu bihugu bikikije u Rwanda, urumirwa. **Iki kibazo cy'abatutsi bavukanye imbuto ngo batazigera bemera gutegekwa n'abahutu ni ingorabahizi.** N'ikibazo gikenewe ko gihagurukirwa n'abagabo b'intarumikwa batari nkaba duhora twumva ngo bafite amashyaka yo kubohoza u Rwanda. Si u Rwanda rugomba kubohorwa gusa, ni akarere kose k'ibiyaga bigari by'Afrika kagomba kubohozwa mu maboko y'intagondwa z'abatutsi ngo **« bavukanye imbuto ».**

Ubu kandi turongeye turababuriye, nimwumva Petero Nkurunziza yishwe, bikongera kugira ingaruka ku Rwanda, nkuko byagenze Ndadaye yishwe, muzavuga ngo turi kuzura akaboze. Turarengana amateka yisubiramo, ahubwo n'abanyapolitiki b'abanyarwanda batajya bigira ku mateka. Abwirwa benshi akumvwa ne beneyo!

Ngendahayo Damien
lkazeiwacu.unblog.fr